REPUBULIKA Y'U RWANDA
REPUBLIC OF RWANDA

URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE
CHANCELLERY FOR HEROES, NATIONAL ORDERS AND DECORATIONS OF HONOUR(CHENO)

# ITANGAZO RIGENEWE ABAHANZI B'IMIVUGO

## AMARUSHANWA Y'IMIVUGO ISINGIZA INTWARI Z'IGIHUGU

## ISOBANURAMPAMVU

### 0. INTANGIRIRO

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, rufite mu nshingano gukora ubukangurambaga no gufatanya n'izindi nzego kwigisha Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko umuco w'ubutwari.

Ubu bukangurambaga bukaba bushobora gukorwa hifashishijwe ibiganiro mbwirwaruhame, inyandiko, imfashanyigisho, amashusho, indirimbo, imivugo n'ibindi birango bitandukanye bigera ku Banyarwanda bivuga cyangwa bigaragaza umuco w'ubutwari n'indangagaciro ziwushamikiyeho.

Ni muri urwo rwego, muri uyu mwaka wa 2018-2019, Urwego rwagennye amarushanwa y'imivugo isingiza Intwari z'u Rwanda ikanamamaza indangagaciro z'umuco w'ubutwari.

### 1. IMITERERE Y'AMARUSHANWA

Abanyarwanda babizi kandi babifitiye ubushobozi barashishikarizwa gukora imivugo isingiza Intwari z'Igihugu, ikanakangurira Abanyarwanda cyange cyane urubyiruko kwimakaza umuco w'ubutwari.

Amarushanwa azakorwa mu gihe cy'ibyumweru bibiri. Uhereye tariki 02/01/2019 kugeza tariki 16/01/2019; abitabiriye amarushanwa bazageza ibihangano ku biro by' Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe biherereye i Kigali, mu Karere ka Gasabo ahazwi nko ku Kisimenti hafi ya Hotel Chez Lando.

Ibihangano kandi bishobora no kunyuzwa kuri email zikurikira: info@cheno.gov.rw, bikamenyeshwa (Cc) aba bakurikira: gaserge3@gmail.com, rwakanicolas@gmail.com.

URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Imivugo izagezwa ku Rwego izatoranywamo 10 ya mbere, abayikoze basabwe no kuyivuga hagamije guhuza ubwiza bw'ibikubiye mu muvugo n'ubuhanga bwo mu kuwugeza ku bantu (presentation). Muri aba 10, hazatoranywamo 3 ba mbere ari nabo bazahembwa.

Abantu 10 ba mbere bashobora kugeza ku Rwego video y'uburyo bavuga umuvugo bakoresheje ikoranabuhanga cyangwa bakazagera ku biro by'Urwego ku munsi bazamenyeshwa bakageza imivugo yabo ku itsinda rizaba rishinzwe gutoranya imivugo itatu ya mbere.

## 2. IMIKORESHEREZE Y'IMIVUGO IZATORANYWA

Imivugo itatu ya mbere izatoranywa izahabwa ibihembo, ijye mu mutungo w'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, ku buryo yajya ikoreshwa mu bihe bitandukanye.

Umuvugo wa mbere uzatoranywa uzagezwa ku Banyarwanda mu gitaramo gisingiza Intwari z'Igihugu giteganyijwe ku wa 31/01/2019, i Kigali.

Ba nyiri imivugo itatoranyijwe bemerewe kwaka Urwego imivugo yabo, kandi Urwego ntiruzakoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose umuvugo utarahawe igihembo, keretse nyirawo abishatse kandi bikemerwa.

## 3. IBIHEMBO BITEGANYIJWE

Urwego ruzahemba gusa imivugo itatu ya mbere, nyuma y'uko ba nyirayo batoranyijwe mu 10 ba mbere mu nyandiko bagaragaje n'ubuhanga bwo kuyivuga;

- Umuvugo wa mbere uzahabwa ibihumbi magana atanu (500,000 FRW), nyirawo anawugeze ku bazitabira Igitaramo gisingiza Intwari z'Igihugu (31/01/2019)
- Umuvugo wa kabiri uzahabwa igihembo kingana n'ibihumbi magana atatu (300,000 FRW)
- Umuvugo wa gatatu uzahabwa igihembo kingana n'ibihumbi magana abiri (200,000 FRW).

**Icyitonderwa**: Ibihembo bizatangirwa mu gitaramo gisingiza Intwari z'Igihugu cyizaba ku wa 31/01/2019.

## 4. ITSINDA RIZATORANYA IMIVUGO

Imivugo yose izakusanywa izatoranywamo 10 n'abakozi b'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe ku bufatanye n'abakozi b'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco n'abakozi ba Minisiteri ya Siporo n'Umuco.

Imivugo 10 izaba yatoranyijwe izavugirwa imbere y'abagize itsinda ry'ubukangurambaga ry'Inteko y'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe rifatanyije n'itsinda ryavuzwe haruguru, bazatoranyemo imivugo itatu ya mbere ari nayo izahabwa ibihembo.

Abatazashobora kugera i Kigali bashobora no kohereza video bifashe bavuga imivugo yabo, zigasuzumwa.

## 5. IMITERERE Y'UMUVUGO.

Umuvugo mwiza witezweho ibi bikurikira:

1) Gusingiza no kurata Intwari z'u Rwanda mu byiciro byazo;
2) Kuvuga ibikorwa byaranze Intwari z'u Rwanda n'icyo buri Munyarwanda cyane cyane urubyiruko rukwiye kwigira ku Ntwari;
3) Kwerekana indangagaciro z'ubutwari;
4) Kwigisha, gususurutsa n'injyana inogeye amatwi;
5) Ikinyarwanda kinoze n'ubuhanga mu buvanganzo.

**Icyitonderwa**: Buri wese wakenera inyandiko zivuga ku Ntwari z'Igihugu, ibikorwa zakoze n'indangagaciro zaziranze akeneye kubyifashisha muri iki gikorwa yabisaba aha hakurikira: **Tel 0787859090** cyangwa akagera ku biro by'Urwego.

Nyuma yo gutoranya iyi mivugo, amakuru azatangazwa binyuze ku mbuga nkoranyambaga zitandukanye zirimo n'urubuga rw'Urwego; cheno.gov.rw.

**NKUSI Déo**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa